Our Ref: 362/RRA/CG/DTD/2024 Date: 22 MARS 2024
Your Ref: ......................

# ITANGAZO

## Kumenyekanisha Umusoro ku Nyungu zabonetse mu mwaka wa 2023

Hashingiwe biteganywa n'ingingo ya 9 n'iya 24 z'itegeko Nº 027/2022 ryo ku wa 20/10/2022 rishyiraho imisoro ku musaruro;

Hashingiwe kandi ku biteganywa n'ingingo ya 17 n'iya 18 z'itegeko Nº 020/2023 ryo ku wa 31/03/2023 rigena uburyo bw'isoresha;

Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro (RRA) **kiramenyesha abasora bose ko kumenyekanisha no kwishyura umusoro ku nyungu zabonetse mu mwaka wa 2023 bikorwa kugeza tariki 31/03/2024, nubwo bakangurirwa kubikora kare.**

Tuboneyeho kubibutsa ko **ibyatunze umwuga byemerwa na sisiteme y'ikoranabuhanga ari ibiherekejwe n'inyemezabuguzi ya EBM, imenyekanisha ryo muri Gasutamo (DMC) cyangwa indi misoro ifatirwa**. Ibindi byatunze umwuga byemerwa birimo:

1) Ibyaguzwe ku bahinzi n'aborozi
2) Ibyaguzwe ku mwenda ku bantu batari abacuruzi aho umusoro ufatirwa uzishyurwa mu kindi gihe cy'umwaka
3) Ibyatunze umwuga by'imbere mu kigo
4) Ihuza ry'ibaruramari risoza umwaka
5) Ibyatunze umwuga mu rwego rw'imari
6) Serivisi zaguzwe zikanakoresherezwa hanze y'igihugu
7) Ibyaguzwe mu bigo bya Leta n'ibigo biyishamikiyeho bidakora ubucuruzi

Ku bindi bisobanuro, mwaduhamagara ku murongo wacu 3004.

RWANDA REVENUE AUTHORITY RRA C.G C.G P.O. BOX 3987 KIGALI

**BIZIMANA RUGANINTWALI Pascal**
**Komiseri Mukuru**